REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 25 Nzeri 2015.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa **25 Nzeri 2015** yitabirwa n'abajyanama 22 kuri 29 bagombaga kuyitabira.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

- Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 26/06/2015 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mu bikorwa.
- Kwemeza imyanzuro y'amakomisiyo n'iya Komite Ngenzuzi y'Akarere
- Gusuzuma ibyemezo by'Inama Njyanama byagiye bigira inzitizimu gushyirwa mu bikorwa.
- Kwemeza ''Expropriation'' n'ibibanza byasabwe.
- Imikorere y'inama y'Abaperezida
- Gusuzuma ibigomba kongerwa mu bipimo by'imisoro n'amahoro ya 2015-2016
- Kwemeza ''jumelage'' hagati y'Akarere ka na Leuven University Medical Cooperation and Solidarity(LUMOS)
- Ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi muri 2015-2016
- Ibindi: Umwiherero w'abagize Inama Njyanama.

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 26 Kamena 2015, imaze kuyikorera ubugororangingo;
ii. Kwemeza imyanzuro ya Komisiyo z'Inama Njyanama ;
iii. Kwemeza imyanzuro ya Komite Ngenzuzi y'Akarere;
iv. Kwemeza''Expropriation'' n'ibibanza byasabwe;
v. Kwemeza ibyongerwa mu bipimo by'imisoro n'amahoro 2015-2016, nyuma yo kubyunguranaho ibitekerezo;
vi. Kwemeza ''Jumelage'' hagati y'Akarere ka Huye na Leuven University Medical Cooperation and Solidarity(LUMOS);
vii. Kwemeza ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mwaka wa 2015-2016;

IBYEMEZO.

1. Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo yishimira umwanya wa mbere Akarere kagize mu isuzuma ry'imihigo 2014-2015 ndetse n'umwanya wa kabiri urubyiruko rw'Akarere kacu rwabonye ku rwego rw'Igihugu. Yashimye ababigizemo uruhare bose, isaba ko bakomeza kongeramo imbaraga kugirango Akarere kagume ku mwanya wa mbere.

2. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 26/06/2015, imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane bw'abitabiriye inama.

3. Inama Njyanama imaze kuganira ku bijyanye n'ifatabuguzi rya''internet''ryahabwa abajyanama, yemeje ko abajyanama b'Akarere bazajya bahabwa ifatabuguzi rya ''MTN''buri kwezi guhera mu kwezi k'Ukwakira 2015. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama imaze kugezwaho imyanzuro ya Komisiyo ziyigize yayunguranyeho ibitekerezo ifata imyanzuro ikurikira:

- Yemeje gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu mu mwaka 2015-2016 mu buryo bukurikira:

N^{O}	UKWEZI	IBIKORWA BITEGANIJWE
1	Nyakanga 2015	Gusuzuma ishyirwamubikorwa rya gahunda y'ibikorwa 2014-2015 bya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu no gutegura gahunda y'ibikorwa 2015-2016
2	Kanama 2015	Gusuzuma uko umusaruro w'ubuhinzi wagenze muri 2014-2015, ingorane zabonetse no kureba uko igihembwe cya mbere cy'ihinga 2015-2016 giteguye.
3	Nzeri 2015	Kureba ishyirwamubikorwa rya DDP y'Akarere ka Huye.
4	Ukwakira 2015	Gusura ibikorwa by'iterambere ry'ubukungu.
5	Ugushyingo 2015	Gusuzuma ibyagaragaye muri''descentes'' za Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu.
6	Ukuboza 2015	-Gusuzuma aho imihigo y'Akarere ijyanye n'ubukungu igeze ishyirwa mu bikorwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2015-2016. -Kwiga ku ngengo y'imari ivuguruye 2015-2016 y'Akarere ka Huye.
7	Mutarama 2016	-
8	Gashyantare 2016	Kwiga ku mbanzirizamushinga y'ibikorwa by'Akarere 2016-2017(Draft)
9	Werurwe 2016	Gusuzuma uko imisoro n'amahoro byinjira mu Karere
10	Mata 2016	Gusura abahinzi ba kawa n'inganda za kawa yabo.
11	Gicurasi 2016	Gusuzuma ishyirwamubikorwa rya gahunda y'ibikorwa by'Akarere 2015-2016.
12	Kamena 2016	Gusuzuma ingengo y'imari 2016-2017 y'Akarere ka Huye.

- Yasabye ubuyobozi bw'Akarere gushakira abahinzi imbuto z'imyumbati n'ibigori zitarwara kabore cyangwa ngo zibembe kugirango bajye babona umusaruro ushimishije;
- Yasabye ko hakongerwa imbaraga mu buhinzi bwa soya muri iki gihembwe cya mbere cy'ihinga kuko byagaragaye ko umusaruro wabaye muke, muri 2014-2015(65%)
- Kubera ko abahinzi bamwe batitabira gukoresha imvaruganda kubera amikoro make, Inama Njyanama yasabye ubuyobozi bw'Akarere gushishikariza abahinzi bwikorera ifumbire y'imborera babifashijwemo n'abamamazabuhinzi muri buri mudugudu.
- Inama Njyanama yemeje gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'imiyoborere myiza mu mwaka wa 2015-2016 ku buryo bukurikira:

N^{O}	IBIKORWA	IGIHE
1	Inama zisanzwe za Komisiyo.	Igihe cyose
2	Gukurikirana ibikorwa by'itorero mu Karere.	Buri gihe.
3	Gukurikira imikorere y'umugoroba w'ababyeyi.	Nzeri 2015
4	Kugenzura uko inteko z'abaturage zo kurwanya akarengane zikora.	Ukwakira 2015
5	Umwiherero w'Inama Njyanama.	Ukwakira 2015
6	Gusuzuma uko abajyanama b'Akarere bitabira inama z'Inama Njyanama z'imirenge.	Ukuboza 2015, Gicurasi 2016
7	Gusuzuma ibibazo byose bijyanye n'imiyoborere myiza.	Igihe cyose
8	Gusuzuma uko imiturire ihagaze mu Karere mu cyaro (imidugudu, amanegeka, ibikorwa remezo…)	Kamena 2015
9	Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro	Igihe cyose

	y'Inama Njyanama.	
10	Ibindi bikorwa byose Komisiyo izasabwa n'Inama Njyanama.	Igihe cyose

- Yasabye Nyobozi y'Akarere gukora ubuvugizi bwihuse muri Minisiteri y'ubuzima(MINISANTE) ndetse n'izindi nzego kugirango ibitaro bya Kabutare bishyirwe ku rutonde rw'ibitaro bikeneye ubufasha bwihutirwa cyane bwo kubisana kuko inyubako zabyo zishaje cyane.
- Yasabye Nyobozi gukora ubuvugizi muri''RSSB'' kugirango bihutishe gahunda yo kwishyura ibigo by'ubuzima kuko kuba bitishyurwa bifite ingaruka mbi zo kuba ibyo bigo bitakibona ubushobozi bwo guhemba abakozi ndetse no kugura imiti.
- Inama Njyanama imaze kubona ko igihe ntarengwa cyo kurangiza gukuraho ''fibrociment''ari kuwa 31/12/2016, yemeje ko hajyaho gahunda na ''bugdet'' bizifashishwa mu gukuraho fibrocement ziri mu bigo by'ubuzima, ibigo by'amashuri n'izindi nyubako z'Akarere kimwe n'iz'abantu ku giti cyabo. Iyo gahunda izaganirwaho mu Nama Njyanama itaha izaba kuwa 18/12/2015.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama yemeje imyanzuro ya Komite Ngenzuzi y'Akarere ikurikira:

- Yemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bukurikiranira hafi abakozi batinda gutanga raporo z'ibaruramari, hakamenyekana impamvu zibitera, mu gihe bigaragaye ko byatewe n'impamvu zitumvikana bakabihanirwa.
- Ibigo bikwiye gukora ifishi z'ububiko bw'ibikoresho mu rwego rwo kwirinda ko hari ibyangirika cyangwa bikaba byabura kandi bikajya bigaragaza aho ibikoresho byinjiriye ndetse n'aho byasohokeye, iyo raporo igatangwa buri kwezi.
- Inama Njyanama yasanze guhuza imibare iri mu bitabo by'ibaruramari n'imibare iri mu bitabo bya banki byaragiye bigaragara kenshi ko bidakorwa neza, maze isaba ubuyobozi bw'Akarere gutegura amahugurwa

y’abacungamari bose bafite aho bahuriye no gutegura raporo kugirango bajye babikora neza kuko ahenshi usanga ari ubumenyi buke.

- ❖ Inama Njyanama yasabye ko ikigo cya Rukara Primary School na GS Vumbi byandikirwa bisabwa ibisobanuro ku mpamvu bisohora amafaranga ku mpapuro zituzuye, byaba bitumvikana bakagawa kubera iyo mikorere itanoze.
- ❖ Inama Njyanamayasanze abayobozi b’ibigo nderabuzima bya Ruhashya, Mbazi na CUSP bagaragaweho n’intege nke mu buryo bw’igenzura(Internal controls) kwandikirwa bihanangirizwa.
- ❖ Inama Njyanama yasabye abagenzuzi kongera gusuzuma niba umwenda ungana na 1,532,000frws udafitiwe ibisobanuro mu Kigo cya GS Mubumbano; basanga ntabyo ntiwishyurwe ahubwo ugakurwa mu bitabo by’ikigo nk’umwenda.
- ❖ Inama Njyanama yasabye ko ibigo byose bidakora raporo igaragaza umutungo wose byandikirwa bisabwa ibisobanuro by’impamvu badakora raporo yuzuye.
- ❖ Inama Njyanama yasabye abagenzuzi gushyira muri gahunda kugenzura ibigo by’amashuri abanza bitaragerwamo n’ubugenzuzi na rimwe maze nabo bakerekwa uko icungamari rinoze rikorwa.
- ❖ Inama yemeje gahunda y’ibikorwa y’ubugenzuzi bwite bw’Akarere imaze kuyikorra ubugororangingo no kongeramo ibikenewe.
- ❖ Inama Njyanama yemeje ko hakorwa umwiherero wa Komite Ngenzuzi n’ubugenzuzi mu kwezi k’Ugushyingo 2015 kugirango hasuzumwe ibyakozwe muri iyi myaka itatu ishize naho bigeze bishyirwa mu bikorwa kubitarakorwa ngo birangire.
- ❖ Inama Njyanama yasabye ubugenzuzi bwite kujya bakurikiranira hafi inama yatanze byibuze rimwe mu gihembwe akagaragaza uko ibigo byazishyize mu bikorwa.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw’abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama imaze gusuzuma ibyemezo by’Inama Njyanama byagiye bigira inzitizi mu gushyirwa mu bikorwa yafashe imyanzuro ikurikira:

- ✓ Yemeje ko hashyirwaho Komisiyo idasanzwe igizwe na Komite Nyobozi, abashinzwe umutekano, abashinzwe iby'ubutaka ku rwego rw'Intara n'Umunyamategeko w'Akarere kugirango isuzume ikibazo cy'abatuye mu midugudu ya Musange n'Akarugiranka mu Murenge wa Tumba kugirango gikemuke vuba. Iyi Komisiyo izashyikiriza raporo y'uburyo icyo kibazo cyacyemutse Inama Njyanama yo kuwa 18/12/2015
- ✓ Yemeje ko kwiyandikishaho ubutaka muri iyi midugudu biba bihagaze kugeza igihe iki kibazo gikemukiye.

Iyi myanzuro yemejwe ku mbumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama yemeje ''Expropriation'' zakozwe n'imishinga izakorwa habanje gukorwa''Expropriation'' muri uyu mwaka wa 2015-2016 nk'uko mubisanga ku mugereka w'ibibyemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku mbumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

8. Inama Njyanama yemeje ibibanza byasabwe nk'uko mubisanga ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama

9. Inama Njyanamayasabye Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu gukurikirana ibijyanye n'ubutaka Bwana NDAYISABA Dominique yasabye kugirango harebwe ko ibyo abusabira bitanyuranye n'ibiteganijwe kuri master plan y'Umujyi wa Huye, ikareba niba yabuhabwa mbere Inama Njyanama ikabona kubufataho umwanzuro. Uyu mwanzuro wemejwe ku mbumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Hashingiwe ku iteka rya Minisitiri N^{o} 002.07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama, mu ngingo yaryo ya 50 ivuga ku mikorere y'Inama y'Abaperezida, Inama Njyanama yemeje ko inama y'Abaperezida izatangira guterana mu kwezi k'Ukwakira 2015. Uyu mwanzuro wemejwe ku mbumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11.Inama Njyanama imaze kugezwaho ibyakongerwaho mu bipimo by'imisoro n'amahoro 2015-2016, yabyunguranyeho ibitekerezo maze ifata imyanzuro ikurikira:

- Yemeje ko Bwana TURAHIRWA Emmanuel azajya atanga 20% ku mafaranga yakiriye ku itungo ryinjiye mu isoko ariko bikazajya bisubirwamo uko ibipimo by'imisoro n'amahoro byemejwe. Isoko rizajya rirema kuwa kane wa buri cyumweru.
- Yemeje amande angana n'ibihumbi icumi(10,000frws)azajya acibwa ufashwe atwaye ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba atabyishyuriye amahoro.
- Yemeje amande angana n'ibihumbi icumi(10,000frws) azajya acibwa ukura ikinyabiziga cye muri parikingi atishyuye amahoro ya parikingi akarenza iminsi itatu atishyuye yahawe iminyezabwishyu. Ikinyabiziga cye kizafatwa na polisi gishyirwe ahabugenewe, kizahakurwa ari uko nyiracyo yishyuye izahabu yavuzwe haruguru.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

12. Inama Njyanama yemeje ''Jumelage'' hagati y'Akarere ka Huye na Leuven University Medical Cooperation and Solidarity (LUMOS) imaze kuyiganiraho no kuyunguranaho ibitekerezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

13. Inama Njyanama yemeje gahunda y'ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mwaka wa 2015-2016 ku buryo bukurikira:

AMAZINA	ICYO ASHINZWE	IGIHE YAFATIRA IKIRUHUKO
KAYIRANGA MUZUKA Eugène	Umuyobozi w'Akarere ka Huye.	05/10/- 04/11/2015
MUTWARASIBO Cyprien	Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu.	05/11/-04/12/2015
NIWEMUGENI Christine	Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'abaturage.	05/12/2015-04/01/2016

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

14. Inama Njyanama yemenyeshejwe umwiherero w'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Huye uzaba kuwa 01-04/10/2015 mu Karere ka Karongi.

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama Njyanamay'Akarere ka Huye

Rev Prof Viateur NDIKUMANA
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye